



ITEGANYAGIHE N°59 RY'IGIHE CY'UMUHINDO (NZERI-UKUBOZA) 2021

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) kinejewe no gutangariza abaturarwanda bose ko umuhindo wa 2021 muri rusange uteganyijwemo imvura izagwa nk'isanzwe igwa mu gihe cy'Umuhindo ahenshi mu gihugu uretse mu majyepfo y'Intara y'Iburengerazuba, mu gice cy'Amayaga no mu turere twa Bugesera, Kirehe na Ngoma mu ntara y'Iburasirazuba hateganyijwe imvura izagabanuka ku isanzwe ihagwa mu muhindo.

Ibi biraterwa nuko ubushyuhe bwo mu Nyanja ngari cyane cyane iya Pasifika n'iy'Ubuhinde burimo kugabanuka muri iyi minsi ndetse bigaragara ko buzakomeza kugabanuka muri uyu muhindo bigatuma ahenshi mu karere u Rwanda ruherereyemo ndetse no mu bice bimwe na bimwe by'igihugu imvura iteganyijwe kuzagabanuka ugereranyije n'isanzwe igwa. Imyaka yabonetsemo imvura ijya gusa n'iteganyijwe mu muhindo wa 2021 ni Umuhindo wa 2016, uwa 2010 n'uwa 1996.

Ingano y'imvura iteganyijwe mu gihe cy'Umuhindo wa 2021 dushingiye ku miterere y'uturere:

Imvura iri muni ya milimetero 300

Iteganyijwe mu ntara y'Iburasirazuba mu bice by'uburasirazuba bw' uturere twa Kirehe na Kayonza no mu majyepfo y'uturere twa Gatsibo na Bugesera.

Imvura iri hagati ya milimetero 300 na 400

Iteganyijwe ahasigaye mu ntara y'Iburasirazuba, mu muji wa Kigali uretse amajyaruguru y'uturere twa Gasabo na Nyarugenge ndetse no mu ntara y'Amajyepfo mu turere twa Gisagara, Huye, Nyanza, Ruhango, mu burasirazuba bwa Nyaruguru, no mu majyepfo y'uturere twa Kamonyi na Muhanga.

Imvura iri hagati ya milimetero 400 na 500

Iteganyijwe mu turere twose tw'intara y'Amajyaruguru uretse mu majyaruguru y'uturere twa Burera na Musanze hateganyijwe ko iziyongeraho; mu muji wa Kigali iteganyijwe mu majyaruguru y'uturere twa Gasabo na Nyarugenge naho mu ntara y'Amajyepfo iteganyijwe mu






majyaruguru y'uturere twa Kamonyi na Muhanga ndetse no mu burasirazuba bw'uturere twa Nyamagabe na Nyaruguru. Mu ntara y'Iburengerazuba ho iteganyijwe mu karere ka Karongi, mu burengerazuba bw'uturere twa Rubavu, Rutsiro, Nyamasheke na Rusizi no mu burasirazuba bw'akarere ka Ngororero.

Imvura iri hejuru ya milimetero 500


Iteganyijwe mu ntara y'Iburengerazuba mu karere ka Nyabihu, mu burasirazuba bw'uturere twa Rusizi, Nyamasheke, Rutsiro na Rubavu, mu burengerazuba no mu majyaruguru y'akarere ka Ngororero. Naho mu ntara y'Amajyaruguru iteganyijwe mu majyaruguru y'uturere twa Musanze na Burera.

IKARITA YEREKANA ITEGANYAGIHE RY'IMVURA Y'UMUHINDO 2021






Itangira ry'Imvura y'Umuhindo 2021



Icika ry'Imvura y'Umuhindo 2021



f



Itangira ry' imvura y'Umuhindo n'igihe izacikira

Hateganyijwe ko imvura y'Umuhindo 2021 izatangira mu cyumweru cya kabiri cy'ukwezi kwa Nzeri 2021 mu duce two majyaruguru y'uburengerazuba, kuva mu cyumweru cya gatatu cy'ukwezi kwa Nzeri mu Majyaruguru ndetse no mu burengerazuba bw'amajyepfo; mu bice byinshi mu gihugu hagati y'itariki ya 29 Nzeri no ku ya 9 Ukwakira ndetse n'igice gito cy'amajyepfo y'uburasirazuba aho imvura iteganyijwe gutangira mu ntangiro z'ukwezi ku Ukwakira hagati ya 9 na 19.

Biteganyijwe ko henshi mu gihugu imvura izacika hagati y'itariki ya 21 na 31 Ukuboza 2021; aho iteganyijwe gucika itanze ni mu ntara y'Iburengerazuba ndetse n'igice cy'amajyepfo y'uturere twa Nyaruguru, Nyamagabe na Gisagara hagati y'itariki ya 31 Ukuboza 2021 kugeza 10 Mutarama 2022.

Imbonerahamwe igaragaza ingano y'imvura muri milimitero, itangira n'icika ry'imvura y'Umuhindo 2021 mu bice bitandukanye by'igihugu

INTARA	Akarere	Imvura iteganyijwe (mm)	Itangira ry'imvura	Icika ry'Imvura
Umujyi wa Kigali	Nyarugenge	300 - 400 na 400-500 (amajyaruguru)	29 Nzeri-9 Ukwakira	21-31 Ukuboza
	Gasabo	300 - 400 na 400-500 (amajyaruguru)	29 Nzeri-9 Ukwakira	21-31 Ukuboza
	Kicukiro	300 - 400	29 Nzeri-9 Ukwakira	21-31 Ukuboza
Intara y'Amajyaruguru	Musanze	400 -500 na >500 (amajyaruguru)	9-29 Nzeri	21-31 Ukuboza
	Gicumbi	400 - 500	19 Nzeri-9 Ukwakira	21-31 Ukuboza
	Rulindo	400 - 500	19 Nzeri-9 Ukwakira	21-31 Ukuboza
	Burera	400 - 500 na >500 (amajyaruguru)	9-29 Nzeri	21-31 Ukuboza
Intara y'Amajyepfo	Gakenke	400 - 500	29 Nzeri-9 Ukwakira	21-31 Ukuboza
	Kamonyi	300-400 na 400-500 (amajyaruguru)	29 Nzeri-9 Ukwakira	21-31 Ukuboza
	Muhanga	300-400 na 400-500 (amajyaruguru)	29 Nzeri-9 Ukwakira	21-31 Ukuboza
	Ruhango	300 - 400	29 Nzeri-9 Ukwakira	21-31 Ukuboza
	Nyanza	300 - 400	29 Nzeri-9 Ukwakira	21-31 Ukuboza
	Huye	300 - 400	29 Nzeri-9 Ukwakira	21-31 Ukuboza
	Gisagara	300 - 400	29 Nzeri-9 Ukwakira	21 Ukuboza-10 Mutarama
Nyamagabe	400-500 na >500 (uburengerazuba)	19 Nzeri-9 Ukwakira	21 Ukuboza-10 Mutarama	





	Nyaruguru	400-500 na >500 (uburengerazuba)	29 Nzeri-9 Ukwakira	21 Ukuboza-10 Mutarama
Intara y'Iburasir azuba	Bugesera	<300 (amajyepfo, hagati) 300- 400 (Ahasigaye)	29 Nzeri-19 Ukwakira	21-31 Ukuboza
	Kirehe	<300 (uburasirazuba, hagati) 300- 400 (ahasigaye)	9-19 Ukwakira	21-31 Ukuboza
	Gatsibo	<300 (amajyepfo, hagati) 300- 400 (ahasigaye)	29 Nzeri-9 Ukwakira	21-31 Ukuboza
	Kayanza	<300 (uburasirazuba, hagati, amajyaruguru) 300- 400 (ahasigaye)	29 Nzeri-9 Ukwakira	21-31 Ukuboza
	Rwamagana	300 - 400	29 Nzeri-9 Ukwakira	21-31 Ukuboza
	Ngoma	300 - 400	29 Nzeri-19 Ukwakira	21-31 Ukuboza
	Nyagatare	300 – 400 na 400 - 500 (amajyepfo y'uburengerazuba)	19 Nzeri-9 Ukwakira	21-31 Ukuboza
Intara y'Ibureng erazuba	Nyabihu	>500	9-29 Nzeri	21-31 Ukuboza
	Rubavu	400 -500 na <500 (uburasirazuba)	9-29 Nzeri	21 Ukuboza-10 Mutarama
	Rutsiro	400 -500 na <500 (uburasirazuba)	19 Nzeri-9 Ukwakira	21 Ukuboza-10 Mutarama
	Karongi	300 - 400	19 Nzeri-9 Ukwakira	21 Ukuboza-10 Mutarama
	Ngororero	400 -500 na <500 (amajyaruguru)	19 Nzeri-9 Ukwakira	21-31 Ukuboza
	Nyamashek e	400 – 500 na < 500 (uburasirazuba)	19-29 Nzeri	31 Ukuboza-10 Mutarama
	Rusizi	400 – 500 na <500 (uburasirazuba)	19 Nzeri-9 Ukwakira	31 Ukuboza-10 Mutarama

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) gishingiye kuri iri teganyagihe ry'imvura y'Umuhindo 2021, kirasaba inzego zose za Leta, Imiryango idaharanira inyungu, Imishinga itandukanye ikorera mu Rwanda, Ibigo by'abikorera ku giti cyabo ndetse n' Abaturarwanda bose muri rusange ko bakwiriye gushingira kuri iri teganyagihe bagafata ingamba zigamije kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi, kwirinda no gukumira ibiza, kwirinda no gukumira indwara, kubungabunga ibidukikije, gufata neza imiyoboro y'amazi n'ibindi bikorwa remezo bifitiye igihugu akamaro cyane cyane mu bice biteganyijwemo imvura nyinshi.





Turashishikariza kandi abaturarwanda bose bakora imirimo itandukanye, iy'ubuhinzi n'ubworozi, ibikorwa remezo, ubuzima, ubucuruzi, ubushakashatsi kwegera impuguke zo mu nzego bakorana kugirango zibagire inama z'uburyo bwiza bwo gukoresha iteganyagihe ry'Umuhindo mu mirimo yabo ya buri muni.

By'umwihariko, dushingiye kuri iri teganyagihe ry'igihembwe cy'umuhindo 2021 (*igihembwe cy'ihinga 2022A*), inzego z'ubuhinzi ziragirwa inama yo kwihutisha imirimo yo gutegura imirima, kwihutisha kugeza inyongeramusaruro ku bahinzi, guterera ku gihe cyavuzwe mu mbonerahamwe, gutegura ibikoresho byifashishwa mu mirimo yo kuhira cyane cyane mu bice bikunze kugira imvura idahagije ndetse no kwita ku mihingire ibika amazi mu butaka.

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) ku bufatanye na Minisiteri y'Ubuhanzi n'Ubworozi n'Ikigo Gishinzwe Iterambere ry'Ubuhanzi n'Ubworozi (RAB) n'abandi bafatanyabikorwa bazakomeza gushyigikira gahunda zigamije gutuma Abaturarwanda babona amakuru y'ubumenyi bw'ikirere ku gihe kugirango bayashingireho mu igenamigambi no mu ifatwa ry'ibyemezo bitandukanye.

Abakeneye ibindi bisobanuro birambuye kuri iri teganyagihe n'uburyo ryakoreshwa barasabwa kwegera Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) cyangwa bagahamagara kuri numero itishyurwa **6080**.

Iri teganyagihe rikomeza gukoreshwa ryunganirwa n'irindi risanzwe ritangwa mu gihe cy'ukwezi, iminsi icumi (10), iminsi itanu (5), iminsi itatu (3), iteganyagihe ritangwa buri muni ndetse n'iteganyagihe riburira iyo bibaye ngombwa.

Bikorewe i Kigali, kuwa 27/08/2021.

GAHIGI Aimable
Umuyobozi Mukuru

